**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**<u>GASABO</u>**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2023, umunsi wa 28, ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe UMUBYEYI Francine, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe n'umwanditsi warwo UWIRINGIYIMANA Dative;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa **NDIKURYAYO Jeremie**, mwene NKERAMIHIGO Samuel na MUKABARURA Triphine, wavutse ku wa 01/01/2000, wavukiye kandi utuye mu Mudugudu wa Murama, Akagari ka Murama, Umurenge wa Ngeruka, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo **gusambanya umwana**, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 4 y'itegeko n$^0$ 69/2019 ryo kuwa 8/11/2019 rihindura itegeko n$^0$ 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 00551/IPRL GASA/2021/FM/RM kigeze mu Rukiko gihabwa n$^o$ RP 00814/2021/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 28/02/2023 saa mbiri za mu gitondo ariko **NDIKURYAYO Jeremie** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko n$^o$ 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **NDIKURYAYO Jeremie** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **<u>18/04/2023 saa tatu za mu gitodo (9h00)</u>**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza (<u>www.judiciary.gov.rw</u>), no ku mbuga ngokoranyambaga z'Ubucamanza arizo:<u>@RwandaJudiciary</u> (tweeter) na Supreme Court of Rwanda (facebook).

**UWIRINGIYIMANA Dative**
**UMWANDITSI**

**UMUBYEYI Francine**
**UMUCAMANZA**